REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUZIMA

Amakuru Mashya kuri Koronavirusi COVID-19 — 20 Werurwe 2020

Uyu munsi hagaragaye abandi bantu batandatu (6) barwaye Koronavirusi. Ibi bikaba byatumye umubare w'abarwaye Koronavirusi mu Rwanda ugera kuri cumi na barindwi (17).

- Umugore w'Umufaransakazi w'imyaka 30 hamwe n'umwana we w'amezi icumi. Uwo bashakanye akaba ari mu basanganwe Koronavirusi mu minsi ishize.
- Umunyarwanda w'imyaka 32 waje aturuka Dubai ku itariki ya 19 Werurwe 2020. Ibimenyetso bye byagaragaye agipimwa ku kibuga cy'indege.
- Umugabo w'Umunyasuwedi w'imyaka 26 waje aturuka muri Suwedi ku itariki ya 3 Werurwe 2020, akaba yaragaragaje ibimenyetso ku itariki ya 18 Werurwe 2020.
- Umugabo w'Umunyarwanda w'imyaka 32 usanzwe akorera ingendo mu mahanga wagaragaje ibimenyetso ku itariki ya 18 Werurwe 2020.
- Umugabo w'Umunyarwanda w'imyaka 24 wageze mu Rwanda ku itariki ya 19 Werurwe 2020 avuye mu Buhinde anyuze i Doha muri Qatar.

Abarwayi bose baravurirwa ahantu habugenewe. Hanashakishijwe abantu bose bahuye nabo kugira ngo nabo basuzumwe ndetse bitabweho n'inzego z'ubuzima.

Abantu bose bageze mu Rwanda mu byumweru bibiri (2) bishize barasabwa kwishyira mu kato mu gihe cy'iminsi 14 guhera igihe bagereye mu Rwanda, hakurikizwa amabwiriza ya Minisiteri y'Ubuzima.

Abaturarwanda bose barasabwa gukomeza kwitwararika, bakurikiza amabwiriza y'inzego z'ubuzima hibandwa cyane cyane ku gukaraba intoki, kwirinda kujya ahantu hateraniye abantu benshi ndetse no gusiga intera ya metero imwe hagati y'abantu no kwirinda ingendo zitari ngombwa.

Nk'uko byatangajwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, guhera uyu munsi **utubari twose tuzajya dufunga i saa tatu z'ijoro (21:00) mu mujyi wa Kigali n'indi mijyi naho utwo mu cyaro dufunge i saa moya z'ijoro (19:00).** Igihe cy'ibyumweru bibiri (2) cy'ifungwa ry'amashuri n'insengero gishobora kongerwa ndetse kigashyirwa no ku zindi nzego bitewe n'uko icyorezo kigenda gifata intera.

Ibimenyetso by'ingenzi bya Koronavirusi ni inkorora, guhumeka bigoranye n'umuriro. Umuntu wese ugaragaza ibi bimenyetso asabwe kwihutira guhamagara umurongo utishyurwa 114, akoreheza email kuri callcenter@rbc.gov.rw, akohereza ubutumwa bwa WhatsApp kuri **+250 788 20 20 80** cyangwa akitabaza umujyanama w'ubuzima umwegereye.

MINISITERI Y'UBUZIMA